**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KU WA 18/09/2000, Y'ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA MURI MINISITIRI Y'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO.**

Inama yatangiye i saa tatu n'iminota itanu iyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru kugeza isaa ine, hanyuma Umuyobozi wo kwigisha Imyuga Iciriritse niwe wakomeje kuyiyobora kubera ko hari indi nama Umunyamabanga Mukuru yagombaga kujyamo.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :

- Kureba ibyakozwe mu cyumweru cyo ku wa 11/09/2000 - 16/09/2000;
- Gahunda y'icyumweru ;
- Ibintu n'ibindi.

IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYO KU WA 11/09/2000 - 16/09/2000

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Bakoresheje ikizamini cyo gushaka uzayobora umushinga w'Imyororokere Myiza y'Urubyiruko;
- Kuvugurura inyandiko ya politiki y'igihugu ku rubyiruko : byarakozwe ariko byari bitararangira. Umunyamabanga Mukuru yabasabye kureba abo bashobora kuba bakenera bo mu bundi Buyobozi, bakabandikira bababasaba kuzabafasha ;
- Bateguye inama yo gutegura ibikorwa by'isangano ry'urubyiruko (FESTIVAL) : bavuze ko raporo yari igikosorwa ;
- Bakoze inama yerekeye kureba ibikorwa bazakora ku rwego rwa Minisiteri n'ibizakorwa ku rwego rwa perefegitura na Komini (décentralisation) ;
- Bakoze raporo y'ingando yo mu Mutara, ariko ntibashoboye kuyisohora muri ordinateur kubera ikibazo cya poudre ya imprimante.

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gushaka uburyo bwo gusana ikibuga cya sitade : bavuze ko dosiye yarangiye, bari basigaje kuyijyana muri Tender Board kugirango bayikosore. Bagaragaje ariko impungenge bafite zaho amafaranga azava, bavuze ko ntahandi babona yava usibye kureba ko babona umwenda muri BCR.

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Kuzuza impapuro zohererejwe amashami (divisions) zerekeye « décentralisation » : bavuze ko bose bari bamaze kuzuzuza usibye Ishami rya Folklore (na FESPAD) ;
- Batangiye gutegura Umunsi Mukuru w'Intwari uzaba kw'itariki ya 01 Ukwakira 2000 ;

- Bakurikiranye ibikorwa byi MURAMBI, i BISESERO nibya « Jardin de la mémoire » : i Murambi, bavuze ko devis yaho « architecte » KAGAHE yari yamaze kuyitanga, ko bari bategereje ko azana na « plan » yayo, naho kubyerekeye dosiye ya BISESERO, ngo yanze kugira icyo abibabwiraho ngo azabyivuganira n'Umunyamabanga Mukuru. Umuyobozi w'Umuco yavuze ko azafasha abo muri MEMORIAL kumukurikirana.

ISHAMI RY'ISHYINGURANYANDIKO RY'IGIHUGU (ARCHIVES NATIONALES)

- Bateguye amahugurwa y'abakozi ba Minisiteri bakora mu Bunyamabanga : bavuze ko dosiye bayishyikirije Umunyamabanga Mukuru ;
- Bakomeje imirimo y'isuku isanzwe mu nyandiko.

INGORO Y'UMURAGE

- Batanze « cahier de charges » yo gusana igisenge cy'Ingoro y'Umurage muri « National Tender Board » ;
- Bakoze ubushakashatsi muri komini MARABA bugamije kuzuza inyandiko ku babumbyi ;
- Gufasha abakozi ba komini NGOMA gutegura imiti yo gutunganya amagufwa azashyingurwa ku buryo burambye : bavuze ko imiti yagezeyo ariko ko komini yagize akandi kazi, bakaba bategereje ko bazabahamagara.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Basuzumye ibikorwa by'Ikigo cyi Kanombe (Centre de Formation Professionnelle des Jeunes de Kanombe) : bavuze ko raporo yari yarangiye ;
- Bajyanye n'abakozi ba P.P.P.M.E.R mu Ruhengeri muri komini KIDAHO, KINIGI na MUKINGO, bakaba barasabye ko Minisiteri yabafasha mu kubatunganyiriza amashyirahamwe y'urubyiruko atarimo ibintu by'ubuhinzi muri perefegitura bakoreramo ( RUHENGERI, BYUMBA N'UMUTARA) bakazabafasha (kubigisha, no kubatera inkunga) ;
- Gusura ikigo cya Rwankuba mu rwego rwo kureba imikoranire hagati y'uwitwa « Représentant légal » n'Ubuyobozi bw'ikigo : ntibyakozwe kubera kubura amavuta y'imodoka.

GAHUNDA Y'ICYUMWERU

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Kujya RWAMAGANA mu nama bafitanye n'Umuryango IRC kugirango bategure gahunda y'ibikorwa bazabafashamo muri perefegitura ya Kibungo ;
- Gukomeza gahunda yo kunononsora uko Festival izakorwa (hateganijwe inama n'izindi Directions).

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gufasha mu gutegura ihugurwa ry'abakangurambaga b'urubyiruko muri za CFJ (PROJET GTZ) ;
- Gukurikirana umushinga washyikirijwe « RHÉNANIE PALATINAT » ;
- Gushaka « Facture Pro-forma » n'izindi mpapuro zo gukoresha udutabo tw'amategeko y'imikino mw'icapiro ;
- Gukurikirana isanwa rya Sitade ntoya nyuma y'Imurika gurishwa ryahabereye.

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gukurikirana dosiye ya BISESERO na MURAMBI ;
- Gutegura umunsi Mukuru wo kw'itariki ya 01/10/2000 ;
- Gukora raporo y'ibikoresho byibwe muri FESPAD-FOLKLORE.

ISHAMI RY'ISHYINGURANYANDIKO RY'IGIHUGU (ARCHIVES NATIONALES)

- Gutegura ibikoresho mfasha-nyigisho z'amahugurwa ateganijwe kuva ku wa 02-13/10/2000 ;
- Gutira inzu izakorerwamo amahugurwa muri serivisi za MINAGRI zishinzwe perefegitura ya Kigali-Ngari na PVK ;
- Gukurikirana inzu basabye gutizwa na MINITRACO kugirango bayibikemo inyandiko zandaraye.

INGORO Y'UMURAGE

- Kubaka urugo : inkike yo hepfo n'iyo haruguru ;
- Kubaka uruganda rwo gucuriramo (atelier de forge) ;
- Gushyira inyandiko mu kinyarwanda zanditswe mu gifaransa.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Kurangiza ikibazo cya « expropriation » cy'ahazubakwa inzu y'imurika gurishwa y'ibikorwa by'ama CFJ ;
- Kujya kureba uko ibikorwa bimeze (évaluation des activités) mu kigo cya NDAGO.

APPUI A LA F.P

Gukoresha inama abayobozi b'ibigo hamwe n'aba Encadreurs b'ama perefegitura. Iyo nama igamije gutegura amahugurwa kw'Icungamari.

IBINTU N'IBINDI

- Ku kibazo cy'ibikoresho bya Folklore byabuze, abari mu nama bongeye gusaba uwabicungaga gutanga raporo, banasaba Ubuyobozi bw'Umuco kuba bwarangije iperereza mu cyumweru kimwe ;
- Abari mu nama bongeye gusaba ko abakozi basinda mu masaha y'akazi, ndetse n'abandi bose bitwara nabi, ko bakwiriye kujya bafatirwa ibihano, hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta ;
- Havuzwe n'ikibazo gikomeye kidindiza akazi cyuko nta « photocopieuses » nimwe yakoraga kubera ko zimwe zapfuye ntizikoreshwe, izindi zikabura « poudre ». Umuyobozi w'Imirimo Rusange yavuze ko bagiye kureba uko icyo kibazo cyakemuka ;
- Abari mu nama bagaragaje impungenge zaho amafaranga azava yo kurihira abantu bari bagicumbikiwe muri « Hôtel des Diplomates » ;
- Ku kibazo cy'ibintu byakoreshejwe muri FESPAD, Umuyobozi w'umuco yavuze ko nihataboneka indi modoka, ko bazabatiza iya APEF ariko ibyo bintu bikagaruka ;
- Abari mu nama bemenyeshejwe ko hari inama n'Abayobozi b'ibigo hamwe n'Aba « Encadreurs » b'ama Perefegitura ku wa kabiri tariki ya 19/09/2000 saa tatu, basabwa ko abafite ubutumwa bashaka kubagezaho ko bazayizamo ;
- Abari mu nama bamenyeshejwe ko hari umushoferi wibye amavuta y'imodoka (bons) aguze 148.000 Frw, akaba yarafashwe akabyemera, akabisabira imbabazi, ariko akaba yarahagaritswe ku kazi iminsi 10, kugeza igihe Nyakubahwa Minisitiri azavira mu rugendo akaba ariwe umufatira icyemezo cya nyuma ;
- Havuzwe n'ikibazo cy'umukozi wari warirukanywe kubera kwitwara nabi, ariko akaba yarahawe ikiraka cyo gutwara imodoka muri FESPAD ntanamasezerano agiranye na Minisiteri. Abari mu nama basabye ko ayo makosa atazasubira ;
- Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse yamenyesheje abari mu nama ko ikibazo cy'abashaka gufungura ibigo bagamije kwishakira amafaranga mu Kigega ko cyongeye kubyuka, ndetse ko noneho basigaye bagenda bashaka ibyitso, hanyuma asaba ko uzaza ashaka kugira uwo yanyuraho wese, azajya amwohereza muri Serivisi ibishinzwe.

Inama yarangiye i saa sita n'iminota cumi n'itanu (12h 15').

Umuyobozi w'inama

Umuyobozi wo Kwigisha
Imyuga Iciriritse muri MIJESPOC.

NTIDENDEREZA William

Umwanditsi w'inama

Umuyobozi w'Ishami rya
Secrétariat Central.

TWAGIRAYEZU Innocent

| ABAJE MU NAMA | SERIVISI |
|---|---|
| 1. NTIDENDEREZA William | DFP |
| 2. MUKIMBIRI Jean | D.C.A |
| 3. Col. MUSITU | Cabinet |
| 4. RWIGEMA Paterne | D.S |
| 5. KANIMBA MISAGO | MNR |
| 6. RUGAMBA Egide | DSG |
| 7. NYANSHAYIJA David | DJ |
| 8. KAYIJUKA Gaspard | Coord.AFP |
| 9. HATEGEKIMANA Emmanuel | D.G.P |
| 10.KUBWIMANA Gertrude | Div.S. Scolaire |
| 11.NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |
| 12.TWAGIRAYEZU Innocent | Div. Secr.Central |
| 13.NDASHYIKIRWA Eugène | Camps de solid. des Jeunes |
| 14.RUTAZIBWA Bernardin | Div.Folk. & Ballets |
| 15.MUKANDOLI Diane | DAAF |
| 16.GASANA Vincent | Div.Adm.& Gestion CFJ |
| 17.NDAGIJIMANA Epimaque | Cabinet |
| 18.BITWENGE Isaac | Etude &Plan. |
| 19.NSENGAH D.H | Div. Production |
| 20.RUTAGWENDEKA Fidèle | PAE |
| 21.MUBUMBYI André | Folk.& Ballets |
| 22.MUNYAMBO Claudien | Div.Infra & Equip. |
| 23. RUTAYISIRE Alexis | Coord.SDK |
| 24. RUSIMBI John | Div. Coop.des Jeunes |
| 25. RANGIRA Joseph | Div. Sport Civil et Loisirs |
| 26. MUHOZA Christophe | C. M. du génocide |
| 27. HATEGEKIMANA Augustin | Archives Natioales |

ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI

1. RUDAHUNGA Gédéon
2. RWAGATARE Alphonse
3. KIZARI Elias
4. BUTOTO Jean
5. RUTAGENGWA Philibert
6. MUSEMAKWERI Jean
7. SEKUBUMBA Séverin
8. KANAMUGIRE Louis

ABATARAJE MU NAMA NTA IMPAMVU BAFITE ZIZWI

1. RURANGIRWA Aoron
2. ABIYINGOMA Ignace
3. BAYINGANA Bonfils
4. SALAAM J.M.V
5. MUNYAZIKWIYE Théogène
6. MUDAKIKWA Jean Marie
7. KABONEKA Francis